Pepinusbrug 2
6102 RJ Echt NL.
Echt, 03-04-2025
rugojean@hotmail.com

**Ibaruwa ifunguye igenewe Umukuru w'Igihugu mu kwibuka ku inshuro ya 31 cyo kwibuka IRIMBURA BANYARWANDA**

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda,

Abanyamuryango b'Ishyirahamwe Nyarwanda (Fondation Projustitia-Rwanda), ridaharanira inyungu, tubandikiye iyi baruwa ifunguye tubasaba gutegura neza kwibuka ku inshuro ya 31 ku buryo butavangura umuryango munyarwanda wubatswe n' Abahutu, Abatutsi n'Abatwa : Twibuka abacu bose bahitanywe n'Itsemba bwoko n'Itsembatsemba, twise Irimbura-Banyarwanda ryo muri 1994 ; mu ndimi z'amahanga bise jenoside idafite umwihariko w'Abatutsi gusa nkuko byagenwe na FPR guhera 2008 ikaninjizwa no mu Itegeko Nshinga ry'u Rwanda*[1] (la constitution rwandaise selon la loi n°18/2008 du 23 juillet 2008). Tubikore tugendera ku KURI ko kubaka u Rwanda, no kureka ibinyoma nk'uburyo bw'imiyoborere .

Nkuko bigaragazwa n'ibaruwa Amerika yohereje Akanama Gashinzwe Umutekano mu m'Umuryango w'Abibumbye ku italiki ya 20 Mata 2020, ni mugihe Nyakubahwa Ambasaderi Gasana Eugene n'umwungiriza we Bwana Nduhungirehe barimo basaba ko Akanama Gashinzwe Umutekano kahindura inyito ya jenoside rwandais ngo ibe jenoside Tutsi. Kuburyo bwo gushandika babigezeho nyamara Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zanditse iyo baruwa yavuzwe hejuru zigira ziti : "Dufite impungenge ko ubugororangingo bw'inyandiko buzafasha gukomeza gutera ubwoba buri gihe hagati y'imiryango itatu y'Abanyarwanda aho kuyihuza". Ibaruwa Nyakubahwa Ambasaderi w'Amerika mukanama gashinzwe umutekano ikomeza igira iti : "Dushyigikiye intego rusange y'icyemezo cyo gutekereza kuri jenoside yabereye mu Rwanda".

Abanyamuryango b'Ishyirahamwe Nyarwanda (Fondation Projustitia Rwanda) natwe kimwe n'Abanyarwanda bose twemera ko UKURI nyakuri kubyabaye mu Rwanda, ariko konyine kuzahuza Abanyarwanda ariyo mpamvu nyamukuru yiyi nyandiko. Kandi UKURI kuri hafi kujya kumugaragaro*[2] na *[3]

PRO-JUSTITIA RWANDA
JUSTICE&PEACE

Aha turashaka kwibutsa ko mu kwezi kwa werurwe 2023, Dr. Bizimana Jean Damascene*[4] Minisitiri w'ubumwe bw'igihugu n'ubufatanye bw'abaturage (ministre de l'Unité Nationale, et Engagements civiques,) yasuwe, agahabwa ubutumwa" https://youtu.be/4JFKF26dug?t=601" na Banyakubahwa ba Ambasaderi b'ibi bihugu : Ubudage, Ubuholandi, Ububirigi, Leta Zunze Ubumwe za Amerika, Ubwongereza, Ubuyapani, Ubufaransa, n'ibindi ; atubwira uko imvugo yabo banyacyubahiro yari imwe…). Ku byerekeye Jenoside Tutsi n' Ingengabitekerezo, baravuga bati :

**1. Jenoside Tutsi** : ''Iyo muvuga jenoside tutsi, ntabwo muba mugaruye se impamvu yo gusenya ubwo bumwe (bw'amoko), impamvu yo gusenya ubwo bumwe nka Leta muvuga ko muriho mubwubaka? kubaka ubumwe bw'abanyarwanda? Ntimuba se mugaruye ya moko yarushenye? Kuki muvuga ko iyo nyito ya jenoside yakorewe Abatutsi gusa? Amoko yashenye u Rwanda. Intambara y'amoko yashenye u Rwanda yazanywe nande? Uwayizanye yaturutse he? Yatangijwe nande? Yatangiye ryari, izarangira ryari?''

**2. Ingengabitekerezo** : Iyo muvuga ngo ingengabitekerezo ya jenoside mukayishyira no mu Itegeko nshinga? Bati ''Ntabwo se ari uburyo bwa Leta mukoresha bwo kwigizayo utavuga rumwe na Leta? Utemeranya na FPR Inkotanyi? ngo mumucecekeshe? Barongera bakanavuga bati : ''Twebwe nuko tubibona (tubyemera). Kuri mwebwe, Ingengabitekerezo n'iki, muyipima mute, muyipimisha iki? umuntu ayigira ryari? Mukabishyira no mu Itegeko Nshinga?

Ku banyarwanda bose : Bavandimwe utagira amatwi yo kumva, ntagire n'amaso yo kubona ibiba, uko ubutegetsi bwa FPR bwubatse mu bwoko? Ntagira n'Umutima namba wo gushyira mu gaciro! UKURI kwa Jenoside rwandais ni ukubafasha kumenya UKURI, kugira imyumvire y'ukuri, n'imyitwarire ihuye n'imvugo ziboneye kuri bose kuko Abatutsi, Abatwa n' Abahutu bapfuye mu Rwanda bazize icyo bari cyo.

Ko imibare bita sitatistike ihagaze ariko igahishwa ntitangarizwe rubanda : Mu Rwanda hose Abatutsi bapfuye ni : 300.000*[5] , Abahutu n'Abatwa bafuye mu Rwanda hose barenga 4,000,000 *[6] . Abenshi bashyizwe mu nzibutso 110*[7] baravanze : harimo Abahutu, Abatutsi, Abatwa. Ikindi, umubare w'Abatutsi bari batuye mu mujyi wa Kigali muri 1991 wari 40,078*[8] , birazwi neza ko Abatutsi bose bari batuye mu mujyi wa Kigali batashiriye kw'icumu, bisobanura ko muri Kigali, umubare w'Abatutsi abapfuye bose uri munsi y'uriya mubare wa 40,078.

Dufashe nk'Urwibutso rwa Gisozi : Urwibutso rwa Gisozi rushyinguyemo abishwe ni 259.000 kandi abantu abari batuye umujyi wa Kigali bari abaturage 232.770*[9]. Uyu

JUSTICE&PEACE

mubare uri munsi cyane wuw'abashyinguwe mu nzibutso zose zo muri Kigali. Ikibazo n'uko kugeza n'ubu usibye jenoside Tutsi, ntabisobanuro mwebwe ubwanyu Nyakubahwa Perezida wa Repubulika mutanga kuri iyi mibare itumvikana kugirango UKURI kugaragare.

Icyitonderwa : Inyandiko irambuye iri mu mugereka w'iyi baruwa, yerekana uburyo imvugo Jenoside yakoreshejwe mu kworeka u Rwanda, mu kuba inkingi ya politiki ya FPR, politiki yo kworeka nkana u Rwanda n'abarutuye, ku buryo byagambiriwe kandi byizweho neza*[10] lettre jean1 Du génocide rwandais au génocide tutsi pour un revers au génocide rwandais (1).pdf.

Nyakubahwa Perezida wa Repuburika y'u Rwanda,

Aho ibihe bigeze mwagombye gushyira mu gaciro mukavuga UKURI aho gukomeza gushinyagurira abanyarwanda mubacamo ibice ari abahise, abariho n'abazaza, mutitaye no k'umuryango wanyu ugomba kurindwa ingaruka mbi za politiki ivangura amoko*[11].

Iyi nyandiko igamije kwereka abaturarwanda, akarere k'ibihugu bikikije u Rwanda n'amahanga ko mwanze amahoro arambye, ko mwanze ubumwe bw'Abanyarwanda kandi ko nimukomeza kwirengagiza UKURI muzaba mushyize u Rwanda mu kaga gakomeye. Uruhare ruzababarwaho muri ako kaga ruzaba runini cyane mu mateka y'u Rwanda.

Ni mugire amahoro.

Rugomboka Jean Damascène,

Perezida wa Pro-Justitia- Rwanda.

rugojean@hotmail.com

PRO-JUSTITIA RWANDA
JUSTICE&PEACE

**Indanganturo**


1. Itegeko Nshinga ry'u Rwanda dukurikije Itegeko No 18/2008 ryo ku ya 23 Nyakanga 2008
2. Ijambo rya Dr. Bizimana Jean Damascène : https: // youtube / 4JFKF26du-g? T = 601 3
3. Ibanga rikomeye-raporo-ya-tpir-01.10.2003.pdf
4. GUTEGURA jenoside1a.pdf
5. Abahoze ari aba Minisitiri : Uw'ubutegetsi bw'igihugu Rwaka Théobald; Jenerali Habyarimana Emmanuel Minisitiri w'ingabo
6. Rugomboka J.D. "Ikarita y'ahantu hakorewe itsembabwoko n'ubwicanyi mu Rwanda. Editions Scribe, Kamena 2020.
7. Rugomboka J.D. Kamena 2020. Ibid.
8. Ibarura rusange ry'abaturage ryagenzuwe na UNDP ku ya 15 Kanama 1991
9. Ibarura rusange ry'abaturage ryagenzuwe na UNDP ku ya 15 Kanama 1991
10. Ibaruwa jean1 Kuva Itsemba bwoko n'Itsembatsemba mu Rwanda ryaje guhindurwa jenoside yakorewe Abatutsi gusa kugira ngo isubire kuba Itsemba bwoko n'Itsembatsemba "IRIBURA BANYARWANDA'' ryo mu Rwanda (1) .pdf
11. Reyntjens F. mu mpaka nyafurika: "Kuva amnesia ishingiye ku moko kugeza kuri ethnocracy: 80% by'abayobozi bakuru b'u Rwanda ni abatutsi", ku ya 24 Ugushyingo 2021